Ibyigisho Nyobozi

Mbese abapfuye baba barapfuye koko?

Inyigisho isobanura uko abapfuye bamera ni imwe mu nyigisho abantu badasobanukiwe neza. Kuri bamwe babibona nk'amayobera n'ubwiru bigatuma bahorana gushidikanya, ubwoba no kubura ibyiringiro. Hari abizera ko abantu babo bakundaga bakaba barapfuye,mukuri batapfuye, ahubwo ko ahantu bajya bagaruka bakabonana n'abantu babo bakiri bazima mu uburyo butagaragara cyangwa se bakaba baragiye ahandi hantu, mu ubundi buzima. Na none hari abandi bantu bataribasobanukirwa ni isano iri hagati ya : UMUBIRI UMWUKA N' UBUGINGO. Siko biri se? yee, ni ukuri. Nuko rero uko umuntu yizera ku byerekeye uko abapfuye bamera niko azaba atekereza no mu ipfa rye. Igihe tugezemo sicyo kubaho dukekeranya. Iri somo riratubwira icyo Imana ivuga ku bantu bamaze gupfa. Itegure kwirebere n'amaso ibidahishwe!

1. Turihano dute?

Itang 2:7: "Uwiteka Imana irema umuntu mu umukungugu wo hasi imuhumekera mu mazuru umwuka w'ubugingo, umuntu ahindduka ubugingo buzima".

Igisubizo: Umuntu wabayeho mbere yaremwe n'Imana mu mukungugu wo hasi.

2. Bigenda bite iyo umuntu apfuye?

" Umubwiliza 12: 7 :N'umukungugu ugasubira mu butaka uko wahoze, n'umwuka ugasubira ku Mana yawutanze.

Igisubizo: Umwuka w'umuntu wese upfuye – yaba umukiranutsi cyangwa umunyabyaha-- usubira ku Mana.

Umuntu umwuka ahumeka iyo umuvuyemo ahinduka intumbi. Yakobo2:26: Nuko reo, nk'uko umubiri udafite umwuka uba upfuye, niko no kwizera kudafite imirimo kuba gupfuye ubusa. Yobu 27 :3, :Ubugingi bwanjye buracyari buzima; kandi umwuka w'Imana niwo utuma mpumeka. UWO MWUKA niwo utuma tubaho nibwo buzima.

Igisubizo: Igihe umuntu apfuye umwuka umwuka w'ubugingo wari umurimo uba wamuvuyemo, ugasubira ku Mana. Muri Bibliya nta nahamwe hatubwira ko uwo mwuka iyo usubiye ku Mana uri wonyine ushobora kubabara, gutekereza, cyangwa se gukora. Nta kindi usibye kwitwa Umwuka w'ubugingo.

3. Mbese ni mwuka ki usubira ku Mana iyo umuntu apfuye?

"Umuntu umwuka ahumeka iyo umuvuyemo ahinduka intumbi. Yakobo

2:26: Nuko rero, nk'uko umubiri udafite umwuka uba upfuye, niko no kwizera kudafite imirimo kuba gupfuye ubusa. Yobu 27 :3, :Ubugingi bwanjye buracyari buzima; kandi umwuka w'Imana niwo utuma mpumeka. [Uwo “mwuka” niwo utuma tubaho, nibwo buzima].

Igisubizo: Umwuka usubira ku Mana igihe umuntu apfuye ni umwuka w’ubugingo. Nta hantu na hamwe mu gitabo cy’Imana hatubwira ko uwo mwuka ugira ubuzima, ubwenge, ubabara nyirawo amaze gupfa. Ni umwuka wo guhumeka ntakindi na gato.

4. Mbese ubugingo ni iki?

"“Uwiteka Imana irema umuntu mu mukungugu wo hasi imuhumekera mu mazuru umwuka w'ubugingo, umuntu ahinduka ubugingo buzima”.Itang 2:7.

Igisubizo: Ubugingo buzima nibwo kiremwa muntu.Ubugingo ni inyabubiri igizwe n’ umubiri n’uyu mwuka duhumeka. Ubugingo ntibushobora kubaho keretse umubiri n’umwuka uhumekwa bigifatanye. Ijambo ry' Imana ryigisha ko turi ubugingo buzima.

5. Mbese ubugingo burapfa?

" Ubugingo bukora icyaha nibwo buzapfa” Ezekieli 28:18. “Uwa kabiri asuka urwabya rwe mu njyanja. Ihinduka amaraso nkay'intumbi, ikintu cyose cyo mu nyanja gifite ubugingo kirapfa” Ibyahishuwe 16;3.

Igisubizo: Nkuko Ijambo ry 'Imana rivuga ubugingo burapfa! Turi ubugingo kandi ubugingo burapfa. Umuntu ni ikiremwa gipfa (Yobu 4:17). Mbese umuntu upfa yarusha Imana gukiranuka? 1 Timoteyo 6:15,16 Niyo yonyine ifite kudapfa, iba mu mucyo utegerwa nta muntu wigeze kuyibona kandi ntawabasha kuyireba. Intekerezo ivuga ibyo kudapfa, ukudapfa bw’ubugingo inyuranije na Bibiliya ariyo ihamya ko abantu bose bapfa.

6. Mbese abantu beza iyo bapfuye bahita bajyanwa mw’ijuru?

" Yohana 5:28,29. : Ntimutangazwe n'ibyo, kuko igihe kizaza, ubwo abari mu bituro bose bazumva ijwi rye, bakavamo, abakoze ibyiza bakazukira ubugingo, naho abakoze ibibi bakazukira gucirwaho iteka. Umwami Dawidi yarapfuye kandi yarahambwe imva ye iracyariho kugeza ubu. Dawidi ntabwo yagiye mw’ijuru. Ibyakozwe 2 :29,34:Bagabo bene data, nta kimbuza kubwira nshize amanga, ibya sogokuruza mukuru Dawidi, yuko yuko yapfuye agahambwa, ndetse n'igituro cye kiracyari iwacu n'ubu. 34, kuko Atari Dawidi wazamutse mu ijuru .... Yobu 17 : 13, : Iyo ntegereje ikuzimu niho iwanjye.

Igisubizo: Oya, nta muntu ujya mu ijuru cyangwa muri gihenomu apfuye. Bose bahambwa mu imva kuhategerereza igihe cy 'umuzuko.

7. Mbese umuntu aba azi cyangwa yumva ibingana iki nyuma yo gupfa**?**

"Umubwiriza 9: 5,6: Abazima bazi ko bazapfa: ariko abapfuye bo ntacyo bazi , kandi nta ngororano bakizeye; kuko batacyibukwa. 6, urukundo rwabo, n'urwangano rwabo, n'ishyari ryabo, byose biba bishize, kandi nta mugabane bakizeye mubikorerwa munsi y'ijuru byose. 10 Umurimo wawe wose werekejeho amaboko yawe, uwukorane umwete, kuko ikuzimu aho uzajya nta mirimo, nta n'imigambi uzahabona, haba no kumenya cyangwa ubwenge. Zaburi 115: 17: Abapfuye ntibashima Uwiteka, cyangwa abamanuka bajya ahacecekerwa.

Umwami Dawidi azakirizwa m'ubwami bw'Imana. Nyamara aracyari mu gituro aho ategerereje umuzuko.

Igisubizo : Imana ivuga ko abapfuye ntacyo bazi na busa!

8. Ariko se abapfuye ntibashobora kuvugana n'abakiriho mbese koko abapfuye ntabwo bazi iby'abazima bakora? "" Niko umuntu aryama ubutabyuka; kugeza ubwo ijuru rizaba ritakiriho, ntabwo bazakanguka, cyangwa kubyutswa ngo bave mu ibitotsi byabo. Yobu 14:12, 21, Abahungu be bagira ikuzo, ntabimenye, bacishwa bugufi ntamenye agakuru kabo. Umubwiriza 9 :6, Urukundo rwabo, n'urwangano rwabo, n'ishyari ryabo, byose biba bishize, kandi nta mugabane bakizeye mubikorerwa munsi y'ijuru byose, kugeza ibihe byose.

Igisubizo: Oya. Abapfuye ntibashobora kuvugana a'abakiri bazima. ntabwo bashobora kumenya ibyo abakiri bazima bakorera ku isi. Barapfuye. Zaburi 146:4, Umwuka we umuvamo,agasubira mu butaka bwe, uwo munsi imigambiye igashira.

9. Yesu yita iki uko kuba mu gitaka nta gutekereza "GUSINZIRA" muri Yohana 11:11-14. Bazasinzira igihe kingana iki?

Niko umuntu aryama ubutabyuka; kugeza ubwo ijuru rizaba ritakiriho, ntabwo bazakanguka, cyangwa kubyutswa ngo bave mu ibitotsi byabo kugeza ijuru ritakiriho. Abahungu be bagira ikuzo, ntabimenye, bacishwa bugufi ntamenye agakuru kabo" "Yobu14: 12, 21." Urukundo rwabo, n'urwangano rwabo, n'ishyari ryabo, byose biba bishize, kandi nta mugabane bakizeye mu bikorerwa munsi y'ijuru byose, kugeza ibihe byose "Umubwiriza 9:6." Ariko umunsi w'Umucunguzi wacu uzaza … uwo ubwo ijuru rizavaho "2 Petero 3:10".

Igisubizo: Abapfuye bazakomeza gusinzira kugeza kuri wa munsi ukomeye w'Umwami ku mperuka y'isi. Mu rupfu, abantu baba ntabwenge bafite nta mirimo bakora cyangwa se ubwenge ubwaribwo bwose.

10. Bizagenda bite ku abantu bubaha Imana igihe Kristo azaba agarutse?

Dore ndaza vuba nzanye ingororana ngo ngororere umuntu wese

ibikwiriye ibyo yakoze. “Ibyahishuwe 22:12.” Kuko Umwami ubwe zaza amanutse ava mu ijuru, aranguruye ijwi rirenga, hamwe n'ijwi rya marayika ukomeye n'impanda y'Imana; nuku abapfiriye muri Kristo nibo bazabanza kuzuka, 17, natwe abazaba bakiriho basigaye, duhereko tujyananwe na bo tuzamuwe mu bicu, gusanganira Umwami mu kirere. nuko rero tuzabana nawe iteka ryose. “1 Abatesalonike 4 :16,17.” Dore Mbamenere ibanga: ntituzasinzira twese, ahubwo twese tuzahindurwa mukanya gato, ndetse mu kanya nk'ako guhumbya, ubwo impanda y'imperuka izavuga. Impanda izavuga koko, abapfuye bazurwe ubutazongera kubora, natwe duhindurwe; 53, kuko uyu mubiri ubora ukwiriye kuzambikwa kutabora, kandi uyu mubiri upfa ukwiriye kuzambikwa kudapfa. “1 Abakorinto 15: 51-53.”

Igisubizo: Bazagororerwa, Bazazurwa, Bahabwe imibiri idapfa maze bazamurwe mu kirerere gusanganira Umwami. Ibyo bigaragaza ko nta mpanvu umuzuko wabaho niba abantu bajyanwa mu ijuru igihe bapfuye.

11. Ni ikihe kinyoma cya mbere Umwanzi Satani yashyizeho?

Inzoka ibwira uwo mugore, iti “Gupfa ntimuzapfa. "Itangiriro 3 :4, Cya Kiyoka kinini kiracibwa, nicyo ya nzoka ya kera, yitwa umwanzi na satani, nicyo kiyobya abari mu isi bose; nuko kijugunywa mu isi, abamarayika bacyo bajugunyanwa nacyo "Ibyahishuwe 12 : 9."
Igisubizo: Satani yabwiye Eva ko mukuri gukora icyaha bitazateza urupfu.* Gupfa mukuri ntimuzapfa. “Itangiriro 3:4.” Iyo niyo ya nzoka ya cyera yitwa Umwanzi na Satani. “Ibyahishuwe 12:9.”

12. Kuki Umwanzi yabeshye Eva kubyerekeye urupfu? Mbese iki kintu cyaba cyararutaga ibindi nkuko abantu benshi babikeka?

Igisubizo: Ni kimwe mu bintu shingiro cy’ingoma y’Umwanzi. Mu bihe byinsi yakoze ibitangaza mu bantu bemeza ko babona imbaraga zikomoka ku myuka y’abapfuye. (Ingero Abapfumu bo muri Egiputa—Kuva 7:11) Umupfumukazi wo muri Endori (1 Samweli 28 3-25), abapfumu--(Danieli 2:2) umuraguzi--(Ibyakozwe 16:16-18)

Itezabwega rihoraho

Mu gihe giheruka Satani azongera akoreshe ubupfumu nkuko yabikoreshaje mu gihe cya Danieli kugira ngo ashukashuke abatuye isi (Ibyahishuwe 18:23)-Ubupfumu ni abishyirahamwe bakoresha imbaraga zitaboneka mu bantu bemeza ko babona imbaraga n’ubwenge bikomoka ku myuka y’abapfuye. In the end-time Satan will again use sorcery--as he did in Daniel's day--to deceive the world (Revelation 18:23). Sorcery is a supernatural agency that claims to receive its power and wisdom from the spirits of the dead.

Bihindura mo ishusho y’abigishwa ba Yesu. Posing as Jesus' Disciples
Bihindura nk’abantu b’Imana bakundwa bapfuye , abayobozi b’amatorero bapfuye Abahanuzi bo muri Bibiliya cyangwa Intumwa n’abigis**hwa ba Kristo (2 Abakorinto 11:13), Satani n’abamarayika be bazashuka za miliyoni ka milioni z’abantu. Abantu bizera ko abapfuye baba bariho mu buryo ubwari bwo bwose bazagwa muri ibyo.**

13. Mbese abadaimoni bakora ibitangaza?

"Ni imyuka y'abadaimoni ikora ibitangaza."Ibyahishuwe 16:14. "Kuko abiyita Kristo n'abahanuzi b'ibinyoma bazaduka bakora ibimenyesto bikomeye n'ibitangaza, kugira ngo babone uko bayobya n'intore niba bishoboka." Matayo 24:24.

Igisubizo: Yego, ni ibyukuri! Abadayimoni bakora mu bidasanzwe ibitangaza bikomeye (Ibyahishuwe 13:13, 14). Satani n'abamarayika be bazihindura nka Malayika w'umucyo (2 Corinthians 11:14) kandi igikomye cyane ni ukwihindura nka Kristo ubwe (Matthew 24:23, 24). Icyo abantu benshi baziyumvamo nuko Krsito n'abamarayika be bazaba bari kuyobora ivugurura rikomeye mu isi yose. Iryo vurura rizaba risa n'iryo umwuka w'ukuri kandi rikomoka mu ijuru ko intore z'Imana ari zo zonyine zitazagwa mu moshya.

14. Kuki abantu b'Imana batazagwa mu moshya?

" Bakiranye ijambo ry'Imana umutima ukunze bashaka mu byanditswe iminsi yose kugirango bamenye ko ibyo babwiwe ari ibyo ukuri. "Ibyakozwe 17:11. "Nibatavuga ibihwaqnye n'iri jambo ntamuseke uzabatambikira." Yesaya 8:20.

Igisubizo: Abantu b'Imana bazamenya bahereye kubyo bigishijwe n'Igitabo cyayo ko abapfuye baba bapfyuye batari bazima. Imyuka y'abapfuye itabaho. Ubwo rero Abantu b'Imana bazahita banga kwemera ibyo bitangaza byose abo bigisha n'abakozi bazaba bavuga ko bafite "impano idasanzwe y'umucyo ukora ibitangaza bavugana cyangwa bahamagara imyuka y'uwapfuye. Maze abantu b'Imana bange izonyigisho z'ibinyoma zihamya ko abapfuye babaho cyangwa bashobora kugira uburyo ubwari bwo bwose babonekamo.

15. Dusubiye mu bihe bya Mosi, ni iki Imana yategetse abantu bagombaga gukorera abantu bigishaga ko abapfuye bariho?

"Umushitsi cyanga umushitsi kazi umupfumu cyangwa umupfumu kazi ntibakabure kwicwa: Babicishe amabuye."Abalewi 20:27.

Igisubizo: Imana yashimangiye ko umushitsi n'abandi bagirana imishyikirano n'imyuka y'abadayimoni (bahamya ko bavugana n'abapfuye) bicishwa amabuye. Ibi bigaragagaza uko Imana ibona iyo nyigisho y'ibinyomana ivuga ko abapfuye bariho.

16. Mbese abakiranutsi bazazurwa bazongera bapfe?

"Ariko abemerewe kuzagera muri ya si yindi bakaba bakwiriye no kugera ku kuzuka kw'abapfuye,… kandi ntibazaba bagishobora gupfa. " Luka 20:35, 36. "Kandi Imana Izahanagura amarira yose ku maso yabo, urupfu ntiruzabaho ukundi, kandi umuborogo cyangwa gutaka cyangwa kuribwa ntibizabaho ukundi, kuko ibyambere bishize." Ibyahishuwe 21:4.

Igisubizo: Oya! Urupfu, ukuribwa, gutaka, cyangwa intambara bizongera kwinjira m'ubwami bw'Imana.

17. Imyizerere yo kwihindura mu bindi bintu kw'abapfuye bibaye gikwira muri iyi minsi. Mbese izi nyigisho ziboneka muri Bibibiiya?

"Abazima bazi ko bazapfa: ariko abapfuye bo ntacyo bazi…. Kandi nta mugabane bakizeye mu bikorerwa munsi y'Ijuru byose. "Umubwiriza 9:5, 6.

Igisubizo: Hafi ya kimwe cya kabiri cy'abatuye isi cyizera ko upfuye ahinduka mo ikindi kintu- inyigisho zivuga ko ubugingo budashobora gupfa ko ahubwo bugenda bwihinduramo ibindi uko ibihe biha ibindi. Nyamara izinyigisho zinyuranije n'Ibyanditswe.

Bibiliya ivuga
Nyuma yo gupfa umuntu: asubira mu mukungungu (Zaburi 104:29), ntacy'amenya (Umubririza 9:5), Nta bushobozi bwo gutekereza aba agifite (Zaburi 146:4),Ntaruhari aba agifite mu bikorerwa ku isi (Umubwiriza 9:6), Ntaba ariho (2 Abami 20:1), Ategerereza mu gituro (Yobu 17:13), ntarame (Yobu 14:1, 2).

Ibihimbano bya Satani
Twize mu kibazo cya 11 na 12 ko Satani yahimbye inyigisho ko abapfuye bakiriho. Ukwihinduramo ibindi bintu biriho, kuganira no kuvugana n'imyuka, gusenga imyuka, "n'ubugingo budapfa" byose n'ibihimbano bya Satani, bigamije kimwe gusa—ko iyo upfuye uba mu kuri utapfuye. Iyo abantu bizeye ko abapfuye bariho, "imyuka y'abadayimoni, ikora ibitangaza" (Ibyahishuwe 16:14) ubwo abo badayimoni bakihinduramo imyuka y'abapfuyengo bayobye ijana ku ijana abo muri iki gihe. (Matayo 24:24).

18. Ndashima Bibiliya iduha ukuri kuri icyi cyigisho gikomeye nk'iki cy'urupfu. on this sensitive subject of death.

Igisubizo:

Ibibazo ngora bahizi

1. Mbese igisambo ku musalaba cyahise kijyana na Kristo muri paradise umunsi yapfuyeho? (Luka 23:43)

Oya. Mukuri ku kuwa mbere w'iminsi irindwi mu gitondo Yesu yabwiye Mariya "Ntabwo ndazamuka ngo jjye kwa Data," Yohana 20:17. Ibi byerekana ko Kristo atagiye mu ijuru umunsi yapfuyeho. Ikindi nuko uburyo bwo gushyiramo utwitso n'utubango mu nyandiko Atari byo Umwuka Wera yahaye abanditsi ba Bibiliya ahubwo n'ibyongewemo n'umuntu. Akabago muri Luka 23:43 kagombaga gushyirwa nyuma y'ijambo "uyumunsi" aho kugashyira mbere yaryo. Noneho bigasomwa ngo Nukuri uyu munsi ndakubwira, ko turibubane muri Paradiso. "cyangwa, "Uyu munsi ndakubwira – ubwo bisa naho ntawe nashobora gukiza ubwo nanjye ubwanjye mbambwe nk'umugome – ndaguhamiriza uyu munsi ko uzabana nanjye muri Paradiso. " Ubwami bwa Kristo bwiteguwe igihe azaba agarutse (Matayo 25:31), kandi abakiranutsi b'ibihe byose icyo gihe baza bwinjiramo (1 Thessalonians 4:15-17) ariko ntabwo babujyamo iyo bapfuye.

2. Mbese Bibiliya ivuga ibyo kudapfa kw'ubugingo? "undying," "immortal" soul? (1 Timoteyo 1:17)

Oya, ukudapfa kw'ubugingo ntabwo ari inyisho iboneka muri Bibiliya.Ijambo "udapfa" riboneka rimwe gusa muri Bibiliya aho ryerekana Imana (1 Timoteyo 1:17).

3. Umuntu iyo apfuye umubiri uhinduka umukungugu n'umwuka (uhumekwa) ugasubira ku Mana. Ariko se Umwuka ujyahehe? (Umubwiriza 12:7)

Ntaho umwuka ujya. Gusa ntabwo wongera kubaho. Ibitnu bibiri bigomba kubaho kugira ngo ubugingo buboeke: *umubiri n'umwuka.* Iyo umwuka uhumekwa uvuyemo ubugingo buhagarika kubaho kuko byombi ari magirirane.Iyo ujimije itara ry'amashanyarazi, mbese urumuri rwaryo rujyahe? Ntaho rujya. Gusa ruhagarika kubaho. Ibintu bibiri bigomba kubaho kugira ngo itara ry'amashanyarazi ryake, *itara n'amashanyarazi.* Iyo ibyo byombi bitari hamwe ntamucyo ushobora kubona w'ayo mashanyarazi. N'ubugingo rero nuko; keretse umubiri n'umwukabiri hamwe naho ubundi nta bugingo. There is no such thing as a disembodied soul.

4. Mbese hari ubwo ijambo *ubugingo* risobanura ikindi kitari umuntu muzima? (Zaburi 139:14)

Yego, rishobora gusobanura (1) ubuzima gusa cyangwa (2) intekerezo cyangwa ubwenge. Aho wabigoraoreza hose ubugingo bukomeza kuba inyabubiri igizwe n'umubiri n'umwuka, kandi bugaharika kubaho kwabwo igihe umuntu apfuye.

5. Mbese hari ushobora kudusobanurira Yohana 11:26 havuga ngo " kandi umuntu wese ukiriho unyizera ntazapha iteka ryose "? (Yohana 11:26)

Ibi nibisobanura ibyo urupfu rwa mbere urwo abantu bose bapfa (Abaheburayo 9:27), Ariko urupfu rwa kabiri, urwo abanyabyaha bonyine bazapfa, urwo ntabwo ruzagira undi muzuko urukurikira (Ibyahishuwe 2:11; 21:8).

6. Matayo 10:28 bisombwa ngo, "Ntimuzatinye abica umubiri, badashobora kwica ubugingo." Ibise bivuga ko ubugingo budapfa? (Matayo 10:28)

Oya, Ahubwo biremeza ibihabanye nabyo. Umugabane uheruka w'uyu murongo urahamya ko ubugingo bupfa. Havuaga hati, "ahubwo mutinye ushobora kurimbura ubugingo n'umubiri muri gihenomu." Ijambo ubugingo aha risobanura ubuzima kandi likajyana k'ubugingo buhoraho, aribwo mpano, (Abaroma 6:23) buzahabwa abakiranutsi kuri wa munsi w'imparuka (Yohana 6:54). Nta numwe ushobora kwambura ubugingo bw'iteka Imana itanga. (Soma na Luka 12:4, 5.)

7. 1 Petero 4:6, Petero ntavuga ko ubutumwa bwiza bwigishwaga abapfuye? (1 Petero 4:6)

Oya, havuga ngo ubutumwa bwigishijwe abo "bapfuye" barapfuye ubu, ariko ubutumwa bwiza bwigishijwe kuribo igihe bari bakiri bazima.

8. Nonese iby'imyuka iririra munsi y'igicaniro mu Ibyahishuwe 6:9, 10? Ibi se bisobanura ko imyuka ubugingo budapfa? (Ibyahishuwe 6:9)

Oya. Uku kurira ni ikigeraronyo, nkuko amaraso y'Aberi yariraga (Itangiriro 4:10). Aha rero ubugingo bisobanura abantu (bafite ubuzima) bishwe bahorwa ukwizera kwabo. Mu kuri ntawizera ko imyuka y'abapfue ishyirwa munsi y'igicaniro cyangwa se ngo abakiranutsi baba basaba Imana ngo irimbure abanzi babo. Ahubwo ubusanzwe abakiranutsi basaba Imana ngo igirire imbabazi abanzi babo, nkuko Kristo yabigenje ari ku musalaba (Luka 23:34).

9. Bibiliya se ivuga ko Yesu yagiye kwigisha abantu bazimiye bo muri gihenomu hagati yo gupfa no kuzuka kwe? (1 Peter 3:18)

Oya, isomo rya Bibiliya ryo mu cya 1 Peter 3:18-20. Niryo riteye ikibazo. Ukubwiriza kwakozwe "n'Umwuka" (umurongo wa 18) mu minsi ya Nowa –kubantu bariho (imirongo ya 19, 20). "Imyuka mu mazu y'imbohe" ibi biganisha ku muntu ubaho mu bubata bwa Satani. (Soma Zaburi 142:7; Yesaya 42:6, 7; 61:1; na Luka 4:18.)

Quiz Questions

1. Bibiliya ivuga urupfu ko ari (1)The Bible speaks of death as (1)

___ nk'ibitotsi.
___ nko guhinduka mu kindi kintu kizima.
___ nk'iyobera ridafite ubusobanuro.

2. Umwuka usubira ku Mana iyo umuntu apfuye (1)
___ ibigize umuntu nyirizina.
___ Ubugingo.
___ Umwuka w'ubugingo.

3. Umuntu upfuye ajya (1)
___ mu ijuru cyangwa muri gihenomu.
___ Mu irimbi.
___ Purigatori.

4. Ubugingo ni (1)
___ Umuntu -mwuka bavukanwa.
___ igice cy'umntu kidapfa.
___ umuntu bwite.

5. Mbese ubugingo burapfa? (1)
___ Yego.
___ Oya.

6. Mbese abakiranutsi bazagororerwa ryari? (1)
___ Muri iki gihe.
___ Igihe bazaba bapfuye.
___ Igihe yesu azaba agarutse.

7. Kuki Satani agerageza abantu abemeza ko abapfuye baba batapfuye? (1)
___ Kugirango bashukwe bizere ibitangaza barimbuke.
___ Kuko abayerekana ko ababariye.
___ Kuko ari umugome n'umugizi wa nabi (wicked).

8. Abantu se "bavugana" n'abapfuye muri iki gihe baba koko bavugana nande? (1)
___ Imyuka yabo idapfa.
___ Abamaraika bakiranuka.
___ Abadayimoni bihindumo amashusho y'abapfuye.

9. Mu gihe cya Mose Imana yategetse ko umuntu uzigisha ko abapfuye bariho agenzwa ate? (1)
___ Agirwa Umutambyi.
___ Ahabwa ishimwe ry'ubuhanga bwe.
___ Yicwa.

10. Mbese umuntu yamenya ate ko yirinze kandi ari mu kuri? (1)
___ Asaba Imana ikimenyesto cyihariye.
___ Akora ibyo umubwiriza cya umupastoro amubwiye gukora.
___ Yiga Bibiliya, asenga, mubwitonzi kandi ayikurikiza.

11. Ni ryari bavuga ko umuntu apfuye (1)
___ Umwuka we, cyangwa ubugingo, bikomeza kuba bizima.
___ Igihe ashobora gukurikirana abariho, no kugirana nabo ubumwe.
___ Aba yapfuye rwose—umubiri urapfa, ubugingo ntibwongere kubaho, kandi ntibongere kumenya ibyo abariho ukundi.

12. Mbese ibitangaza byerekana ko bikomoka ku Mana? (1)
___ Yego. Imana yonyine niyo ishobora gukora ibitangaza.
___ Oya. Satani nawe akora ibitangaza bikomeye.

Back To List